

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 002/2021 RYO KU WA 08/02/2021 RIGENA UBURYO BWO GUKORA ISUZUMA RY'INGAMBA KU BIDUKIKIJE</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 002/2021 OF 08/02/2021 DETERMINING PROCEDURES FOR CONDUCTING STRATEGIC ENVIRONMENTAL ASSESSMENT</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 002/2021 DU 08/02/2021 DÉTERMINANT LES PROCÉDURES D'ÉVALUATION ENVIRONNEMENTALE STRATÉGIQUE</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo va mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p>	<p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p>
<p><u>Ingingo va 2: Ibisobanuro by'amagambo</u></p>	<p><u>Article 2: Definitions</u></p>	<p><u>Article 2: Définitions</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: GUKORA ISUZUMA RY'INGAMBA KU BIDUKIKIJE</u></p>	<p><u>CHAPTER II: STRATEGIC ENVIRONMENTAL DEVELOPMENT ASSESSMENT</u></p>	<p><u>CHAPITRE II: DÉVELOPPEMENT DE L'ÉVALUATION ENVIRONNEMENTALE STRATÉGIQUE</u></p>
<p><u>Ingingo va 3: Amahame y'isuzuma ry'ingamba ku bidukikije</u></p>	<p><u>Article 3: Principles of strategic environmental assessment</u></p>	<p><u>Article 3: Principes d'évaluation environnementale stratégique</u></p>
<p><u>Ingingo va 4: Uburyo isuzuma ry'ingamba ku bidukikije rikorwamo</u></p>	<p><u>Article 4: Procedures for strategic environmental assessment</u></p>	<p><u>Article 4: Procédures d'évaluation environnementale stratégique</u></p>
<p><u>Ingingo va 5: Itegurwa ry'inyandiko nsobanuramiterere</u></p>	<p><u>Article 5: Development of terms of reference</u></p>	<p><u>Article 5: Élaboration des termes de référence</u></p>

<p><u>Ingingo ya 6:</u> Ibigize raporo y'isuzuma ry'ingamba ku bidukikije</p>	<p><u>Article 6:</u> Content of strategic environmental assessment report</p>	<p><u>Article 6:</u> Contenu du rapport d'évaluation environnementale stratégique</p>
<p><u>Ingingo ya 7:</u> Inshingano n'ububasha by'Ikigo</p>	<p><u>Article 7:</u> Responsibilities and powers of the Authority</p>	<p><u>Article 7:</u> Attributions et pouvoirs de l'Office</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Inshingano z'urwego rubishinzwe</p>	<p><u>Article 8:</u> Responsibilities of the responsible institution</p>	<p><u>Article 8:</u> Attributions de l'autorité responsable</p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Impuguke zikora isuzuma ry'ingamba ku bidukikije</p>	<p><u>Article 9:</u> Experts to conduct strategic environmental assessment</p>	<p><u>Article 9:</u> Experts pour mener l'évaluation environnementale stratégique</p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Ikurikirana n'isuzuma by'ingaruka ku bidukikije</p>	<p><u>Article 10:</u> Monitoring and assessment of environmental effects</p>	<p><u>Article 10:</u> Suivi et évaluation des effets sur l'environnement</p>
<p><u>UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA</u></p>	<p><u>CHAPTER III: FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE III: DISPOSITIONS FINALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</p>	<p><u>Article 11:</u> Repealing provision</p>	<p><u>Article 11:</u> Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 12:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 12:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 12:</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 002/2021 RYO KU WA 08/02/2021 RIGENA UBURYO BWO GUKORA ISUZUMA RY'INGAMBA KU BIDUKIKIJE</p> <p>Minisitiri w'Ibidukikije,</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 48/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga ibidukikije, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 31;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/08/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p> <p><u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE</p> <p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p> <p>Iri teka rigena uburyo bwo gukora isuzuma ry'ingamba ku bidukikije.</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 002/2021 OF 08/02/2021 DETERMINING PROCEDURES FOR CONDUCTING STRATEGIC ENVIRONMENTAL ASSESSMENT</p> <p>The Minister of Environment,</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 48/2018 of 13/08/2018 on environment, especially in Article 31;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 14/08/2020;</p> <p>ORDERS:</p> <p><u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS</p> <p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p> <p>This Order determines procedures for conducting strategic environmental assessment.</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 002/2021 DU 08/02/2021 DÉTERMINANT LES PROCÉDURES D'ÉVALUATION ENVIRONNEMENTALE STRATÉGIQUE</p> <p>Le Ministre de l'Environnement,</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;</p> <p>Vu la Loi n° 48/2018 du 13/08/2018 sur l'environnement, spécialement en son article 31;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/08/2020;</p> <p>ARRÊTE:</p> <p><u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES</p> <p><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</p> <p>Le présent arrêté détermine les procédures d'évaluation environnementale stratégique.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u></p> <p>Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:</p> <p>1 ° Ikigo: ikigo gifite kubungabunga ibidukikije mu nshingano;</p> <p>2 ° isuzuma ry'ingamba ku bidukikije: uburyo buhamye bwo gusuzuma no gukemura ibibazo birebana n'ibidukikije n'ingaruka zaturuka kuri politiki, igenamigambi na gahunda biteganyijwe mbere yo gufata ibyemezo;</p> <p>3 ° urwego rubishinzwe: urwego rutegura cyangwa rutegurirwa politiki, igenamigambi cyangwa gahunda.</p>	<p><u>Article 2: Definitions</u></p> <p>In this Order, the following terms are defined as follows:</p> <p>1 ° Authority: institution in charge of environmental conservation;</p> <p>2 ° strategic environmental assessment: systematic process of assessing and addressing the environmental aspects and consequences of proposed policies, plans and programme before decision making;</p> <p>3 ° responsible institution: institution that prepares or on behalf of which a policy, plan or programme is prepared.</p>	<p><u>Article 2: Définitions</u></p> <p>Dans le présent arrêté, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:</p> <p>1 ° Office: l'institution ayant la conservation de l'environnement dans ses attributions;</p> <p>2 ° évaluation environnementale stratégique: processus systématique d'évaluation et de traitement des aspects environnementaux et des conséquences des politiques, plans et programmes proposés avant la prise de décision;</p> <p>3 ° institution responsable: institution qui prépare ou pour le compte de laquelle une politique, un plan ou un programme est préparé.</p>
<p><u>UMUTWE WA II: GUKORA ISUZUMA RY'INGAMBA KU BIDUKIKIJE</u></p>	<p><u>CHAPTER II: STRATEGIC ENVIRONMENTAL DEVELOPMENT ASSESSMENT</u></p>	<p><u>CHAPITRE II: DÉVELOPPEMENT DE L'ÉVALUATION ENVIRONNEMENTALE STRATÉGIQUE</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Amahame y'isuzuma ry'ingamba ku bidukikije</u></p> <p>Isuzuma ry'ingamba ku bidukikije rishingira ku mahame akurikira:</p>	<p><u>Article 3: Principles of strategic environmental assessment</u></p> <p>Strategic environmental assessment is based on the following principles:</p>	<p><u>Article 3: Principes d'évaluation environnementale stratégique</u></p> <p>L'évaluation environnementale stratégique est basée sur les principes suivants:</p>

<p>1 ° kugaragaza hakiri kare no guhuza ibibazo n’itego zo kwita ku bidukikije bigashingirwaho mu igenamigambi rya Guverinoma no mu ifatwa ry’ibyemezo;</p> <p>2 ° kwita ku mahitamo yose ashoboka y’umushinga w’urwego rubishinzwe, harimo no guhitamo kuwureka;</p> <p>3 ° kwita ku bitekerezo by’abafatanyabikorwa no gukorera mu mucyo mu ifatwa ry’ibyemezo;</p> <p>4 ° gukora inyandiko no gusuzuma ibyavuye mu isuzuma ry’ingamba ku bidukikije;</p> <p>5 ° kubona amakuru atangwa cyangwa yakusanyijwe n’urwego rubishinzwe;</p> <p>6 ° kwemera kubazwa no gutanga ibisobanuro bisabwe na rubanda ndetse na Guverinoma y’u Rwanda.</p> <p>Isuzuma ry’ingamba ku bidukikije rikorwa mu gihe cy’itegurwa rya politiki, iry’igenamigambi ry’igihe kirekire cyangwa irya gahunda,</p>	<p>1 ° early identification and integration of environmental concerns and goals in Governmental planning and decision-making;</p> <p>2 ° consideration of all feasible alternatives to the project of responsible institution, including the alternative of taking no action;</p> <p>3 ° consideration of stakeholders’ views and transparency in decisions-making;</p> <p>4 ° documentation and assessment of results of the strategic environmental assessment;</p> <p>5 ° access to information generated or compiled by the responsible institution;</p> <p>6 ° accountability to the public and the Government of Rwanda.</p> <p>The strategic environmental assessment is carried out during the preparation of a policy, strategic plan or program and before the</p>	<p>1 ° identification précoce et intégration des préoccupations et des objectifs environnementaux dans la planification et la prise de décision du Gouvernement;</p> <p>2 ° considération de toutes les alternatives possibles à la projet de l’institution responsable, comprenant la possibilité de ne rien faire;</p> <p>3 ° considération des avis des parties prenantes et transparence dans la prise de décisions;</p> <p>4 ° documentation et évaluation des résultats de l’évaluation environnementale stratégique;</p> <p>5 ° accès aux informations générées ou compilées par l’institution responsable;</p> <p>6 ° responsabilité envers le public et le Gouvernement du Rwanda.</p> <p>L’évaluation environnementale stratégique est réalisée lors de la préparation d’une politique, d’un plan stratégique ou d’un programme et</p>
---	--	--

<p>rikorwa kandi mbere y’uko iyo politiki, iryo genamigambi cyangwa iyo gahunda yemezwa.</p> <p><u>Ingingo ya 4:</u> Uburyo isuzuma ry’ingamba ku bidukikije rikorwamo</p> <p>Isuzuma ry’ingamba ku bidukikije ritangizwa n’urwego rubishinzwe kandi rikorwa mu buryo bukurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° kugaragaza iby’ingenzi biranga politiki, gahunda n’igenamigambi ry’igihe kirekire; 2° gusesengura uburyo politiki, gahunda n’igenamigambi ry’igihe kirekire bikorwa; 3° kugaragaza imiterere n’uburemere by’ingaruka ku bidukikije; 4° kugaragaza ibigomba kuba bikubiye muri raporo y’isesengura ry’ingamba ku bidukikije; 5° kugisha inama inzego bireba; 6° gusaba ibitekerezo abagenerwabikorwa; 	<p>adoption of such policy, strategic plan or program.</p> <p><u>Article 4:</u> Procedures for strategic environmental assessment</p> <p>Strategic environmental assessment is initiated by the responsible institution and is carried out in following manner:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° to identify the main characteristics of the policies, programs and strategic plans; 2° to analyse the policies, programs and strategic plans formulation process; 3° to determine the nature and extent of impacts on the environment; 4° to determine the contents of the strategic environmental assessment report; 5° to do consultations with relevant authorities; 6° requesting the views of the beneficiaries; 	<p>avant l’adoption de cette politique, de ce plan stratégique ou de ce programme.</p> <p><u>Article 4:</u> Procédures d’évaluation environnementale stratégique</p> <p>L’évaluation environnementale stratégique est initiée par l’institution responsable et est effectuée de manière suivante:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° identifier des caractéristiques principales des politiques, des programmes et des plans stratégiques; 2° analyser le processus de formulation des politiques, des programmes et des plans stratégiques; 3° déterminer la nature et l’ampleur des impacts sur l’environnement; 4° déterminer le contenu du rapport d’évaluation environnementale stratégique; 5° mener des consultation avec les autorités compétentes; 6° demander l’avis des bénéficiaires;
---	--	---

<p>7° guharanira ko isuzuma ry'ingamba ku bidukikije rihuzwa n'itegurwa rya politiki na gahunda;</p> <p>8° guhuza ibikorwa by'isuzuma ry'ingamba ku bidukikije mu itegurwa rya politiki, irya gahunda n'iry'igenamigambi;</p> <p>9° gukurikirana uko isesesengura ry'ingamba ku bidukikije rikorwa.</p>	<p>7° to ensure strategic environmental assessment integration in the policies and programmes process preparation;</p> <p>8° to coordinate strategic environmental assessment within the policies, programs and plans development process;</p> <p>9° to monitor the strategic environmental assessment process.</p>	<p>7° assurer l'intégration de l'évaluation environnementale stratégique dans le processus d'élaboration des politiques et programmes;</p> <p>8° coordonner l'évaluation environnementale stratégique dans le processus d'élaboration des politiques, des programmes et des plans;</p> <p>9° faire le suivi du processus d'évaluation environnementale stratégique.</p>
<p><u>Ingingo va 5: Itegurwa ry'inyandiko nsobanuramiterere</u></p> <p>Inyandiko nsobanuramiterere ku itegurwa ry'isesengura ry'ingamba ku bidukikije ikorwa n'Ikigo bisabwe n'urwego rubishinzwe. icyakora, urwego rubishinzwe rushobora gutegura ubwarwo inyandiko nsobanuramiterere rukayishyikiriza Ikigo kugira ngo kiyisuzume kinayemeze.</p> <p>Ubusabe bushyikirizwa Ikigo buherekezwa n'incamake ya politiki, iy'igenamigambi n'iya gahunda bikubiyemo amakuru y'ingenzi yafasha mu gutegura.</p>	<p><u>Article 5: Development of terms of reference</u></p> <p>The terms of reference for the strategic environmental assessment are developed by the Authority upon request by the responsible institution. However, the responsible institution may itself develop the terms of reference to submit them to the Authority for assessment and approval.</p> <p>The request addressed to the Authority is accompanied by a summary of the policy, strategic plan and program which includes important information that can help in the preparation.</p>	<p><u>Article 5: Élaboration des termes de référence</u></p> <p>Les termes de référence pour l'évaluation environnementale stratégique sont élaborés par l'Office à la demande de l'institution responsable. Toutefois, l'institution responsable peut elle-même élaborer les termes de référence afin de les soumettre à l'Office pour évaluation et approbation.</p> <p>La demande adressée à l'Office est accompagnée d'un résumé de la politique, du plan stratégique et du programme qui comprend des informations importantes pouvant aider à la préparation.</p>

<p>Inyandiko nsobanuramiterere igomba gutangwa n'Ikigo mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsu cyakiriyeho ubusabe.</p> <p>Inyandiko nsobanuramiterere igaragaza icyiciro cy'isesengura ry'ingamba ku bidukikije, hagendewe ku ngaruka kuri politiki, ku igenamigambi na gahunda bifite ku bidukikije.</p> <p><u>Ingingo va 6: Ibigize raporo y'isuzuma ry'ingamba ku bidukikije</u></p> <p>Raporo y'isuzuma ry'ingamba ku bidukikije igaragaza ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1 ° umushinga n'intego zawo za politiki; 2 ° ingaruka mbi zishoboka za politiki, igenamigambi cyangwa gahunda iteganyijwe ku bidukikije, harimo izitaziguye, iziziguye n'izikomatanijwe; 3 ° andi mahitamo ashoboka ku mushinga uteganyijwe, harimo no kudakora igikorwa n'ayo kugereranya ingaruka z'ayo mahitamo yandi ku bidukikije; 	<p>The terms of reference must be availed by the Authority within fifteen (15) days from the reception date of the request.</p> <p>The terms of reference determine the level of strategic environment assessment, depending on the impact of the policy, strategic plan and program on environment.</p> <p><u>Article 6: Content of strategic environmental assessment report</u></p> <p>The strategic environmental assessment report indicates the following:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° project and its policy objectives; 2° anticipated adverse environmental effects of the proposed policy, strategic plan or program, including direct, indirect and cumulative effects; 3° feasible alternatives to the project, including that of taking no action and that of a comparison of the environmental effects of these alternatives; 	<p>Les termes de référence doivent être rendus disponibles par l'Office endéans quinze (15) jours à partir de la date de réception de la demande.</p> <p>Les termes de référence déterminent le niveau d'évaluation de l'environnement stratégique, en fonction de l'impact de la politique, du plan stratégique et du programme sur l'environnement.</p> <p><u>Article 6: Contenu du rapport d'évaluation environnementale stratégique</u></p> <p>Le rapport d'évaluation environnementale stratégique indique ce qui suit:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° la projet et ses objectifs politiques; 2° des effets environnementaux négatifs anticipés de la politique, du plan stratégique ou du programme proposé, comprenant les effets directs, indirects et cumulatifs; 3° des alternatives possibles à la projet, y compris celle de ne rien faire et celle de la comparaison des effets environnementaux de ces alternatives;
--	---	---

<p>4° uburyo bushoboka bwo gukumira, kugabanya ubukana cyangwa kugabanya ingaruka mbi z'uwo mushinga ku bidukikije;</p> <p>5° ingaruka zose zishobora kuba ku bidukikije, hateganywa gushyirwa mu bikorwa neza ingamba zo kwirinda cyangwa kugabanya ingaruka zasobanuwe;</p> <p>6° uburyo umushinga wubahiriza amategeko n'imirongo ngenderwaho byatanzwe n'Ikigo;</p> <p>7° inyungu umushinga ufite ku bidukikije n'uburyo uwo mushinga wita ku ntego za Guverinoma zijyanye na:</p> <p>a. iterambere rirambye;</p> <p>b. kubungabunga ibidukikije;</p> <p>c. kwita ku murage ndangamuco;</p> <p>d. gukoresha ikoranabunga ritangiza ibidukikije;</p> <p>e. inyungu z'ubukungu;</p>	<p>4° feasible methods to avoid, minimise or mitigate adverse environmental effects of the project;</p> <p>5° potential overall effects on the environment, assuming the successful implementation of described impact avoidance and mitigation measures;</p> <p>6° compliance of the project with relevant laws and guidelines given by the Authority;</p> <p>7° environmental benefits of the project and how the project advances the Government's objectives on:</p> <p>a. sustainable development;</p> <p>b. environmental protection;</p> <p>c. preservation of cultural heritage;</p> <p>d. use of environmental friendly technology;</p> <p>e. economic benefits;</p>	<p>4° des méthodes réalisables pour éviter, minimiser ou atténuer les effets environnementaux négatifs de la projet;</p> <p>5° des effets potentiels d'ensemble sur l'environnement, en supposant la mise en œuvre réussie des mesures d'éviter et d'atténuer l'impact décrit;</p> <p>6° la conformité de la projet avec les lois et les lignes directrices données par l'Office;</p> <p>7° des intérêts environnementaux de la projet et la manière dont la projet promeut les objectifs du Gouvernement en rapport avec:</p> <p>a. le développement durable;</p> <p>b. la protection de l'environnement;</p> <p>c. la préservation du patrimoine culturel;</p> <p>d. l'utilisation de technologies propres;</p> <p>e. les intérêts économiques;</p>
---	---	---

<p>8° kwiyezeza gukumira no kugabanya ingaruka ku bidukikije no gushyiraho ingamba z'igenzura n'isuzuma mu gihe kizaza.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Inshingano n'ububasha by'Ikigo</u></p> <p>Ikigo gifite inshingano n'ububasha bikurikira:</p> <p>1° kumenyekanisha ibijyanye n'isuzuma ry'ingamba ku bidukikije;</p> <p>2° gushyiraho imirongo ngenderwaho ku bikoresho byifashishwa, ibisabwa n'uburyo by'isuzuma ry'ingamba ku bidukikije;</p> <p>3° kugenzura ko urwego rubishinzwe rukurikiza ibiteganywa n'iri teka n'imirongo ngenderwaho mu byerekeranye n'isuzuma ry'ingamba ku bidukikije;</p> <p>4° kubika inyandiko zose zijyanye n'isuzuma ry'ingamba ku bidukikije kuri politiki, ku igenamigambi cyangwa kuri gahunda;</p>	<p>8° commitment for prevention and mitigation of environmental effects and establishing mechanisms for future monitoring and assessment.</p> <p><u>Article 7: Responsibilities and powers of the Authority</u></p> <p>The Authority has the following responsibilities and powers:</p> <p>1° to create awareness on the scope of strategic environmental assessments;</p> <p>2° to issue necessary guidelines on strategic environmental assessment tools, requirements and procedures;</p> <p>3° to ensure that the responsible institution is following the provisions of this Order and relevant guidelines in strategic environmental assessment;</p> <p>4° to keep records of all materials related to a strategic environmental assessment for a policy, strategic plan or program;</p>	<p>8° l'engagement pour la prévention et l'atténuation des effets environnementaux et la mise en place des mécanismes de suivi et d'évaluation futures.</p> <p><u>Article 7: Attributions et pouvoirs de l'Office</u></p> <p>L'Office a les attributions et les pouvoirs suivants:</p> <p>1° sensibiliser à la portée des évaluations environnementales stratégiques;</p> <p>2° émettre les directives nécessaires sur les outils, les exigences et les procédures pour l'évaluation environnementale stratégique;</p> <p>3° s'assurer que l'autorité responsable suit les dispositions du présent arrêté et des directives en matière d'évaluation environnementale stratégique;</p> <p>4° tenir des registres de tous les matériaux liés à une évaluation environnementale stratégique pour une politique, un plan stratégique ou un programme;</p>
--	---	--

<p>5° gutanga inama ku nzego zibishinzwe;</p> <p>6° kugenzura ireme ry'isuzuma ry'ingamba ku bidukikije no gutanga inama, igihe bibaye ngombwa, mu rwego rwo kuzamura ireme no kubahiriza ibisabwa mu isuzuma ry'ingamba ku bidukikije;</p> <p>7° kwemeza raporo y'isuzuma ry'ingamba ku bidukikije.</p>	<p>5° to provide advice to responsible institutions;</p> <p>6° to audit the quality of a strategic environmental assessments and to provide inputs, where it is necessary, to ensure the quality and compliance to the strategic environmental assessment process;</p> <p>7° to approve the strategic environmental assessment report.</p>	<p>5° fournir des conseils aux institutions responsables;</p> <p>6° Vérifier la qualité des évaluations environnementales stratégiques et fournir des conseils quand il est nécessaires pour garantir la qualité et la conformité avec le processus d'évaluation environnementale stratégique;</p> <p>7° approuver le rapport d'évaluation environnementale stratégique.</p>
<p><u>Ingingo ya 8: Inshingano z'urwego rubishinzwe</u></p> <p>Buri kigo cya Leta gitegura, kivugurura, gihindura cyangwa gishyira mu bikorwa politiki, igenamigambi ry'igihe kirekire cyangwa gahunda gikora isuzuma ry'ingamba ku bidukikije hakurikijwe iri teka, mbere y'uko umushinga wemezwa cyangwa utangwa kugira ngo wemezwe.</p> <p>Urwego rubishinzwe rukorana n'abafatanyabikorwa bose mu itegurwa ry'isuzuma ry'ingamba ku bidukikije kuri politiki, ku igenamigambi ry'igihe kirekire cyangwa kuri gahunda iteganyijwe.</p>	<p><u>Article 8: Responsibilities of the responsible institution</u></p> <p>Any governmental agency that formulates, renews, modifies or implements a policy, strategic plan or program conducts a strategic environmental assessment in accordance with this Order, before the project is adopted or submitted for approval.</p> <p>The responsible institution engages all relevant stakeholders in the strategic environmental assessment process of a proposed policy, strategic plan or program.</p>	<p><u>Article 8: Attributions de l'autorité responsable</u></p> <p>Toute agence gouvernementale qui formule, renouvelle, modifie ou met en œuvre une politique, un plan stratégique ou un programme fait une évaluation environnementale stratégique conformément au présent arrêté, avant que la projet ne soit adoptée ou soumise pour approbation.</p> <p>L'institution responsable implique toutes les parties prenantes concernées dans le processus d'évaluation environnementale stratégique d'une politique, d'un plan stratégique ou d'un programme proposé.</p>

<p>Kopi ya raporo y'isuzuma ry'ingamba ku bidukikije ishyikirizwa Ikigo kugira ngo kiyibike cyangwa kigire icyo kiyivugaho, mu gihe bibaye ngombwa.</p> <p>Urwego rubishinzwe rushyira mu bikorwa ingamba zo kugabanya ubukana rukanagenzura uburemere bw'ingaruka ku bidukikije zaterwa n'ishyirwa mu bikorwa rya politiki, iry'igenamigambi n'irya gahunda kugira ngo hagaragazwe hakiri kare ingaruka mbi zitagaragaye mbere hanashakwe igisubizo gikwiye.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Impuguke zikora isuzuma ry'ingamba ku bidukikije</u></p> <p>Inyigo y'isuzuma ry'ingamba ku bidukikije ikorwa n'impuguke yabihereye uburenganzira, hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p>Urwego rubishinzwe rushobora gushyikiriza Ikigo indi mpuguke cyangwa izindi mpuguke zatoranyijwe na rwo kugira ngo zemezwe.</p> <p>Mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi nyuma yo kugezwaho impuguke, urwego rwifuzaga gukoresha rwatoranyije, Ikigo kimenyeshya urwego rubishinzwe niba cyemeye cyangwa cyanze izo mpuguke. Iyo izo mpuguke zanzwe, Ikigo gisobanura impamvu.</p>	<p>A copy of the strategic environmental assessment report is submitted to the Authority for record and comments, where necessary.</p> <p>The responsible institution implements mitigation measures and monitors the significant environmental effects of the implementation of policies, strategic plans and programs in order to identify at an early stage unforeseen adverse effects, and to be able to undertake appropriate remedial action.</p> <p><u>Article 9: Experts to conduct strategic environmental assessment</u></p> <p>The strategic environmental assessment study is conducted by a certified environmental professional, in accordance with relevant legislation.</p> <p>The responsible institution may propose to the Authority, any expert or experts of its choice for approval.</p> <p>Within five (5) working days from the date of reception of the proposed experts, the Authority notifies the responsible institution of its acceptance or refusal of the project. In case of refusal, the Authority provides justification.</p>	<p>Une copie du rapport d'évaluation environnementale stratégique est transmise à l'Office pour archivage et commentaires, le cas échéant.</p> <p>L'autorité responsable exécute les mesures d'atténuation et surveille les effets majeurs de la mise en œuvre des politiques, des plans stratégiques et des programmes sur l'environnement afin d'identifier au stade le plus précoce les effets négatifs imprévus et de pouvoir entreprendre les mesures correctives appropriées.</p> <p><u>Article 9: Experts pour mener l'évaluation environnementale stratégique</u></p> <p>L'étude d'évaluation environnementale stratégique est menée par un professionnel certifié, conformément aux lois en la matière.</p> <p>L'institution responsable peut proposer à l'Office, l'expert ou les experts de son choix pour approbation.</p> <p>Endéans cinq (5) jours ouvrables à partir de la date de réception de la notification des experts proposés, l'Office notifie l'institution responsable de son acceptation ou refus de la projet. En cas de refus, l'Office justifie sa décision.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 10: Ikurikirana n'isuzuma by'ingaruka ku bidukikije</u></p> <p>Ikigo gikurikirana kandi kigasuzuma ingaruka ku bidukikije zaterwa n'ishyirwa mu bikorwa rya politiki, iry'igenamigambi cyangwa irya gahunda ku buryo buhoraho kugira ngo hagaragazwe hakiri kare ingaruka mbi zitagaragaye mbere kandi hashakwe igisubizo gikwiye hashingiwe ku murungo ntarengwa wateganyijwe.</p> <p><u>UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 11: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u></p> <p>Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangirijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><u>Article 10: Monitoring and assessment of environmental effects</u></p> <p>The Authority monitors and analyses the environmental effects of the implementation of policy, strategic plan or program at regular intervals to identify at an early stage unforeseen adverse effects and to be able to undertake appropriate remedial action with a threshold-based analysis.</p> <p><u>CHAPTER III: FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 11: Repealing provision</u></p> <p>All prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><u>Article 12: Commencement</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 10: Suivi et évaluation des effets sur l'environnement</u></p> <p>L'Office fait le suivi et analyse les effets sur l'environnement de la mise en œuvre d'une politique, d'un plan stratégique ou d'un programme à des intervalles réguliers, afin d'identifier au stade le plus précoce les effets négatifs imprévus et de pouvoir prendre les mesures correctives appropriées à base d'analyse de limite prévue.</p> <p><u>CHAPITRE III: DISPOSITIONS FINALES</u></p> <p><u>Article 11: Disposition abrogatoire</u></p> <p>Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.</p> <p><u>Article 12: Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
---	--	---